# 208: Imana n’ ubuhingiro

1. Imana n’ ubuhingiro:Ni Yo ngab’ idukingira.Ayo turi mu makuba, Ni Y’ ibasha kudukiza. Uk’ Umwanzi wacu Yishakiy’ uburyo Bwo kudatsinda, Ntatubasha na gato, Kukw’ Iman’iturengera.

2. Ni twirwanaho twenyine,tubura imbaraga rwose.ariko dufit'intwari ijy'iturwanira iteka.iyo ntwari ni nde? ni wowe,Mukiza.Mugaba wacu,tuzi yuko,mu byago ,ari wowe uturengera.

3. Iy' abagome bahuje Guter' itorero ryawe, Urarirengera, Mana, Ntibabashe kuritsinda. Nubw’ Umugambanyi;Ashaka kutwica, Ntadushyikira Kukw’ aneshwa n’ijambo Ry'Imana, Nyir'imbaraga.

4. Hishur’ijambo rinesha, Ridufasha dushobewe. Imbabazi zawe nyinshi Zize, zituzeho twese.Twakwamburw' ibyacu, . Ndetse, tukabohwa, Ntitwabyitaho : Byose tuzabinesha; Tuzaragwa, n’ubwami bwawe !

Visit us at indirimbo.com